Mu by'ukuri isi iraryoshye kandi ni icyatsi kibisi, kandi Allah yayibagizeho abasigire, kugira ngo arebe uko mwitwara! Bityo nimutinye isi kandi mutinye abagore

Hadith yaturutse kwa Abu Said Al Khud'riy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri isi iraryoshye kandi ni icyatsi kibisi, kandi Allah yayibagizeho abasigire, kugira ngo arebe uko mwitwara! Bityo nimutinye isi kandi mutinye abagore, kubera ko ikigeragezo cya mbere bene Isiraheli bahuye nacyo cyari icy'abagore."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko isi iryohereye, kandi iyo uyireba ubona ifite ibara ry'icyatsi, ishuka umuntu akarangazwa nayo, akaba ariyo arangamira. Allah Nyir'ubutagatifu yagize bamwe muri twe abazungura b'abandi muri ubu buzima bw'iyi si, kugira ngo arebe uko twitwara, niba tuzamwumvira cyangwa se tuzamwigomekaho? Intumwa irangije iravuga iti: Nimwirinde gushukwa n'umunezero w'isi n'imitako yayo, bitazatuma mureka ibyo Allah yabategetse, mukaba mwagwa mubyo yababujije. No mu byo dukwiye kwirinda kuruta ibindi mu bigeragezo byo kuri iyi si, ni ikigeragezo cy'abagore, kandi nicyo kigeragezo bene Isiraheli bahuye nacyo.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3053